1. URUKIKO RW'UBUCURUZI RWA NYARUGENGE / NYARUGENGE COMMERCIAL COURT / TRIBUNAL DE COMMERCE DE NYARUGENGE	1. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYARUGENGE 2. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE KICUKIRO 3. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE GASABO 4. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE BUGESERA 5. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NGOMA 6. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE KAYONZA 7. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE KIREHE 8. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE RWAMAGANA 9. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE GICUMBI 10. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE RULINDO 11. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYAGATARE

	<p>12. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE GATSIBO</p>
<p>2. URUKIKO RW'UBUCURUZI RWA HUYE / HUYE COMMERCIAL COURT / TRIBUNAL DE COMMERCE DE HUYE</p>	<p>1. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE HUYE</p> <p>2. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE GISAGARA</p> <p>3. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYANZA</p> <p>4. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE MUHANGA</p> <p>5. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE KAMONYI</p> <p>6. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE RUHANGO</p> <p>7. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYAMAGABE</p> <p>8. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYARUGURU</p> <p>9. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE RUSIZI</p> <p>10. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYAMASHEKE</p>
<p>3. URUKIKO RW'UBUCURUZI RWA MUSANZE / MUSANZE COMMERCIAL COURT / TRIBUNAL DE COMMERCE DE MUSANZE</p>	<p>1. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE MUSANZE</p> <p>2. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE BURERA</p> <p>3. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE GAKENKE</p> <p>4. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE RUBAVU</p> <p>5. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NGORORERO</p> <p>6. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE NYABIHU</p>

	<p>7. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE KARONGI</p> <p>8. AKARERE KA / DISTRICT OF / DISTRICT DE RUTSIRO</p>
--	---

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko Ngenga n° 06/2012/OL ryo kuwa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'Ubucuruzi

Seen to be annexed to the Organic Law n° 06/2012/OL of 14/09/2012 determining the organisation, functioning and jurisdiction of Commercial Courts

Vu pour être annexé à la Loi Organique n° 06/2012/OL du 14/09/2012 déterminant l'organisation, le fonctionnement et la compétence des juridictions de commerce

Kigali, kuwa 14/09/2012

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

Kigali, on 14/09/2012

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

Kigali, le 14/09/2012

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO NGENGA N°07/2012/OL RYO KUWA 19/09/2012 RIGENA IMITERERE, UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

ORGANIC LAW N°07/2012/OL OF 19/09/2012 DETERMINING THE ORGANIZATION, POWERS AND FUNCTIONING OF THE HIGH COUNCIL OF THE JUDICIARY

LOI ORGANIQUE N°07/2012/OL DU 19/09/2012 PORTANT ORGANISATION, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL SUPERIEUR DE LA MAGISTRATURE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier: Objet de la présente loi organique

UMUTWE WA II: IMITERERE Y'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

CHAPTER II: ORGANIZATION OF THE HIGH COUNCIL OF THE JUDICIARY

CHAPITRE II: ORGANISATION DU CONSEIL SUPERIEUR DE LA MAGISTRATURE

Icyiciro cya mbere: Inama Nkuru y'Ubucamanza

Section One: High Council of the Judiciary

Section première: Conseil Supérieur de la Magistrature

Ingingo ya 2: Abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 2: Composition of the High Council of the Judiciary

Article 2: Composition du Conseil Supérieur de la Magistrature

Ingingo ya 3: Inshingano z'Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 3: Responsibilities of the Chairperson of the High Council of the Judiciary

Article 3: Attributions du Président du Conseil Supérieur de la Magistrature

Ingingo ya 4: Itorwa ry'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 4: Election of members of the High Council of the Judiciary

Article 4: Election des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature

Ingingo ya 5: Umubare wa ngombwa kugira ngo itora ribe

Article 5: Quorum of the electorate

Article 5: Quorum du collège électoral

<u>Ingingo ya 6:</u> Manda y'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Article 6:</u> Term of office of the members of the High Council of the Judiciary	<u>Article 6:</u> Mandat des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 7:</u> Kureka kuba umwe mu bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Article 7:</u> Ceasing to be a member of the High Council of the Judiciary	<u>Article 7:</u> Perte de la qualité de membre du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Icyiciro cya 2:</u> Inzego z'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Section 2:</u> Organs of the High Council of the Judiciary	<u>Section 2:</u> Organes du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 8:</u> Inzego	<u>Article 8:</u> Organs	<u>Article 8:</u> Organes
<u>Ingingo ya 9:</u> Inama Rusange	<u>Article 9:</u> General Assembly	<u>Article 9:</u> Assemblée Générale
<u>Ingingo ya 10:</u> Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'itorwa rya Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Article 10:</u> Bureau of the High Council of the Judiciary and election of the Vice-President of the High Council of the Judiciary	<u>Article 10:</u> Bureau du Conseil Supérieur de la Magistrature et vote du Vice-Président du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 11:</u> Komisiyo zihoraho z'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Article 11:</u> Permanent committees of the High Council of the Judiciary	<u>Article 11:</u> Commissions permanentes du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 12:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Article 12:</u> Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary	<u>Article 12:</u> Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 13:</u> Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Article 13:</u> Recruitment of the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary	<u>Article 13:</u> Recrutement du Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>UMUTWE WA III:</u> UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA	<u>CHAPTER III:</u> POWERS AND FUNCTIONING OF THE HIGH COUNCIL OF THE JUDICIARY	<u>CHAPITRE III:</u> COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL SUPERIEUR DE LA MAGISTRATURE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inshingano z'inzego z'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<u>Section One:</u> Responsibilities of the organs of the High Council of the Judiciary	<u>Section première:</u> Attributions des organes du Conseil Supérieur de la Magistrature

<u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z’Inama Rusange	<u>Article 14:</u> Responsibilities of the General Assembly	<u>Article 14:</u> Attributions de l’Assemblée Générale
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano za Biro y’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 15:</u> Responsibilities of the Bureau of the High Council of the Judiciary	<u>Article 15:</u> Attributions du Bureau du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 16:</u> Inshingano z’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 16:</u> Responsibilities of the Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary	<u>Article 16:</u> Attributions du Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano za Komisiyo	<u>Article 17:</u> Responsibilities of the Committees	<u>Article 17:</u> Attributions des Commissions
<u>Icyiciro cya 2:</u> Inama Rusange y’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Section 2:</u> General Assembly of the High Council of the Judiciary	<u>Section 2:</u> Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 18:</u> Inama Rusange y’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 18:</u> General Assembly of the High Council of the Judiciary	<u>Article 18:</u> Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 19:</u> Inama Rusange ikurikira itora ry’abagize Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 19:</u> Subsequent General Assembly to election of the members of the High Council of the Judiciary	<u>Article 19:</u> Assemblée Générale faisant suite à l’élection des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 20:</u> Ifatwa ry’ibyemezo by’Inama Rusange y’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 20:</u> Making the decisions of the General Assembly of the High Council of the Judiciary	<u>Article 20:</u> Prise de décisions de l’Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 21:</u> Inyandikomvugo z’Inama Rusange z’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 21:</u> Minutes of the General Assembly of the High Council of the Judiciary	<u>Article 21:</u> Procès-verbaux de l’Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 22:</u> Kugira ibanga	<u>Article 22:</u> Confidentiality	<u>Article 22:</u> Devoir de confidentialité
<u>Ingingo ya 23:</u> Ingingo y’imari y’Inama Nkuru y’Ubucamanza	<u>Article 23:</u> Budget of the High Council of the Judiciary	<u>Article 23:</u> Budget du Conseil Supérieur de la Magistrature
<u>Ingingo ya 24:</u> Ibigenerwa abitabiriye inama	<u>Article 24:</u> Sitting allowances	<u>Article 24:</u> Jetons de présence

Ingingo ya 25: Amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 25: Internal rules and regulations of the High Council of the Judiciary

Article 25: Règlement d'ordre intérieur du Conseil Supérieur de la Magistrature

UMUTWE WA IV: IMIHANGO IJYANYE N'IFATWA RY'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'AKAZI

CHAPTER IV: DISCIPLINARY PROCEDURE

CHAPITRE IV: PROCEDURE DISCIPLINAIRE

Ingingo ya 26: Ibirego byo mu rwego rw'akazi

Article 26: Administrative complaints

Article 26: Recours administratifs

Ingingo ya 27: Ihamagarwa ry'umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko

Article 27: Summoning of a judge or a court registrar

Article 27: Convocation d'un juge ou d'un greffier

Ingingo ya 28: Kwitaba k'umucamanza cyangwa k'umwanditsi w'urukiko

Article 28: Appearance of a judge or a court registrar

Article 28: Comparution du juge ou du greffier

Ingingo ya 29: Gusoma raporo ku idosiye no kumva abatangabuhamya

Article 29: Reading of charges and hearing of witnesses

Article 29: Lecture du rapport du dossier et audition des témoins

Ingingo ya 30: Ifatwa ry'ibyemezo mu muhezo

Article 30: Decisions taken in camera

Article 30: Prise de décisions à huis clos

Ingingo ya 31: Isubirishwamo ry'icyemezo cyafashwe uregwa adahari

Article 31: Opposition to a decision taken in absentia

Article 31: Opposition à la décision prise par défaut

Ingingo ya 32: Kumenyesha icyemezo cyafashwe

Article 32: Notification of the decision

Article 32: Signification de la décision

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko ngenga

Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'itegeko ngenga n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga

Article 34: Repealing provision

Article 34: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Article 35: Commencement

Article 35: Entrée en vigueur

ITEGEKO NGENGA N°07/2012/OL RYO KUWA 19/09/2012 RIGENA IMITERERE, UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

ORGANIC LAW N°07/2012/OL OF 19/09/2012 DETERMINING THE ORGANIZATION, POWERS AND FUNCTIONING OF THE HIGH COUNCIL OF THE JUDICIARY

LOI ORGANIQUE N°07/2012/OL DU 19/09/2012 PORTANT ORGANISATION, COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL SUPERIEUR DE LA MAGISTRATURE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 13 Nyakanga 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 13 July 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 13 juillet 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 03 Mata 2012;

The Senate, in its session of 03 April 2012;

Le Sénat, en sa séance du 03 avril 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 142, iya 147, iya 148, iya 149, iya 155 bis, iya 157, iya 158 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 142, 147, 148, 149, 155 bis, 157, 158 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 142, 147, 148, 149, 155 bis, 157, 158 et 201;

Isubiye ku Itegeko Ngenza n° 02/2004 ryo kuwa

Having reviewed Organic Law n° 02/2004 of

Revu la Loi Organique n° 02/2004 du

20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza, nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;

20/03/2004 determining the organization, powers and functioning of the Superior Council of the Judiciary as modified and complemented to date;

20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature telle que modifiée et complétée à ce jour;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier: Objet de la présente loi organique

Iri tegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

This Organic Law determines the organization, powers and functioning of the High Council of the Judiciary.

La présente loi organique porte organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature.

**UMUTWE WA II: IMITERERE Y'INAMA
NKURU Y'UBUCAMANZA**

**CHAPTER II: ORGANIZATION OF THE
HIGH COUNCIL OF THE JUDICIARY**

**CHAPITRE II: ORGANISATION DU
CONSEIL SUPERIEUR DE LA
MAGISTRATURE**

**Icyiciro cya mbere: Inama Nkuru
y'Ubucamanza**

Section One: High Council of the Judiciary

**Section première: Conseil Supérieur de la
Magistrature**

**Ingingo ya 2: Abagize Inama Nkuru
y'Ubucamanza**

**Article 2: Composition of the High Council of
the Judiciary**

**Article 2: Composition du Conseil Supérieur
de la Magistrature**

Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'aba bakurikira:

The High Council of the Judiciary shall be composed of the following members:

Le Conseil Supérieur de la Magistrature est composé des membres suivants :

- 1° Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ari na we ushinze kuyiyobora;
- 2° Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;

- 1° the President of the Supreme Court, who shall be the Chairperson;
- 2° the Vice-President of the Supreme Court;

- 1° le Président de la Cour Suprême, qui en est le Président;
- 2° le Vice-Président de la Cour Suprême;

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

3° Umucamanza umwe (1) mu Rukiko rw'Ikirenga utorwa na bagenzi be;	3° one (1) Judge from the Supreme Court elected by his /her peers;	3° un (1) Juge de la Cour Suprême élu par ses pairs;
4° Perezida w'Urukiko Rukuru;	4° the President of the High Court;	4° le Président de la Haute Cour;
5° Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;	5° the President of the Commercial High Court;	5° le Président de la Haute Cour de Commerce;
6° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza;	6° the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary;	6° le Secrétaire Exécutif du Haut Conseil de la Magistrature;
7° Umucamanza umwe (1) wo mu Rukiko Rukuru utorwa na bagenzi be;	7° one (1) Judge from the High Court elected by his/her peers;	7° un (1) Juge de la Haute Cour élu par ses pairs;
8° Umucamanza umwe (1) wo mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi utorwa na bagenzi be;	8° one (1) Judge from the Commercial High Court elected by his/her peers;	8° un (1) Juge de la Haute Cour de Commerce élu par ses pairs;
9° Umucamanza umwe (1) uhagarariye abo mu nkiko z'ubucuruzi utorwa na bagenzi be;	9° one (1) Judge from Commercial Courts elected by his/her peers to represent them;	9° un (1) Juge représentant ceux des Tribunaux de Commerce élu par ses pairs;
10° Abacamanza batanu (5) bahagarariye abo mu Nkiko Zisumbuye batorwa na bagenzi babo;	10° five (5) Judges from Intermediate Courts elected by their peers to represent them;	10° cinq (5) Juges représentant ceux des Tribunaux de Grande Instance élus par leurs pairs;
11° Abacamanza batanu (5) bahagarariye abo mu Nkiko z'Ibanze batorwa na bagenzi babo;	11° five (5) Judges from Primary Courts elected by their peers to represent them;	11° cinq (5) Juges représentant ceux des Tribunaux de Base élus par leurs pairs;
12° Umucamanza umwe (1) wo mu nkiko za gisirikare utorwa na bagenzi be b'abacamanza;	12° one (1) Judge from Military Courts elected by his/her peers;	12° un (1) Juge des Juridictions militaires élu par ses pairs;
13° Abayobozi babiri (2) b'Amashami y'Amategeko muri Kaminuza no mu mashuri makuru yemewe batorwa na bagenzi babo;	13° two (2) Deans of the Faculties of Law of recognized universities and institutions of higher learning elected by their peers;	13° deux (2) Doyens des Facultés de Droit des Universités et institutions d'enseignement supérieur agréées élus par leurs pairs;
14° Avoka umwe (1) uhagarariye abagize Urugaga rw'Abavoka utorwa na bagenzi be;	14° one (1) member of the Bar Association elected by his/her peers to represent them;	14° un (1) représentant des membres de l'Ordre des Avocats élu par ses pairs;
15° umuntu umwe (1) uhagarariye Minisitiri y'Ubutabera ugenwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze;	15° one (1) representative of the Ministry of Justice appointed by the Minister in charge of justice;	15° Un (1) représentant du Ministère de la Justice désigné par le Ministre ayant la justice dans ses attributions;

- 16° Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
17° Umuvunyi Mukuru;
18° Umwanditsi w'urukiko umwe (1) uhagarariye abanditsi bo mu nkiko zisanzwe utorwa na bagenzi be;
19° Umwanditsi w'urukiko umwe (1) uhagarariye abanditsi bo mu nkiko z'Ubucuruzi utorwa na bagenzi be.

- 16° the President of the National Commission of Human Rights;
17° the Ombudsman;
18° one (1) Court registrar representing Ordinary Courts registrars elected by his/her peers;
19° one (1) Court registrar representing Commercial Courts registrars elected by his/her peers.

- 16° le Président de la Commission Nationale des Droits de la Personne;
17° l'Ombudsman;
18° un (1) greffier représentant les greffiers des juridictions ordinaires élu par ses pairs;
19° un (1) greffier représentant les greffiers des juridictions de Commerce élu par ses pairs.

Ingingo ya 3: Inshingano z'Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ni we muyobozi w'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Ashinzwe muri rusange ibijyanye n'imikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

By'umwihariko ashinzwe:

- 1° guhagararira Inama Nkuru y'Ubucamanza imbere y'amategeko;
- 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 3° kuyobora amatora y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko biyamamariza kujya mu Nama Nkuru y'Ubucamanza, uretse abo mu nkiko za gisirikare;
- 4° gushyira umukono ku byemezo byafashwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza no ku mategeko ngengamikorere yayo.

Article 3: Responsibilities of the Chairperson of the High Council of the Judiciary

The President of the Supreme Court shall be the Chairperson of the High Council of the Judiciary. He/she shall be responsible for the functioning of the High Council of the Judiciary.

He/she shall be particularly responsible for the following:

- 1° to legally represent the High Council of the Judiciary;
- 2° to convene and chair meetings of the High Council of the Judiciary;
- 3° to conduct elections of judges and court registrars running for membership in the High Council of the Judiciary, apart from those from military courts;
- 4° to sign on decisions made by the High Council of the Judiciary and its internal rules and regulations.

Article 3: Attributions du Président du Conseil Supérieur de la Magistrature

Le Président de la Cour Suprême est le Président du Conseil Supérieur de la Magistrature. Il est principalement chargé du fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Il est particulièrement chargé de ce qui suit:

- 1° représenter légalement le Conseil Supérieur de la Magistrature ;
- 2° convoquer et diriger les réunions du Conseil Supérieur de la Magistrature;
- 3° conduire les élections des juges et greffiers candidats membres du Conseil Supérieur de la Magistrature, excepté ceux issus des juridictions militaires;
- 4° apposer sa signature sur les décisions prises par le Conseil Supérieur de la Magistrature et son règlement d'ordre intérieur.

Ingingo ya 4: Itorwa ry'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Uretse Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida w'Urukiko Rukuru, uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza b'abacamanza n'abanditsi b'inkiko batorwa na bagenzi babo bakora mu Nkiko zimwe.

Abiyamamaza babimenyesha mu nyandiko Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza hasigaye nibura ukwezi kumwe (1) kugira ngo amatora abe.

Uwiyamamaje wese agomba kuba amaze nibura imyaka itanu (5) akora mu byerekeye amategeko. Amatora ategurwa n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa akayoborwa na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Icyakora, amatora y'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bavugwa mu ngingo ya 2, agace ka 13° y'iri tegeko ngenga, ategurwa akanayoborwa na Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze, bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Amatora y'uhagarariye Urugaga rw'abavoka ategurwa kandi akayoborwa n'Umukuru w'urwo rugaga, abisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Article 4: Election of members of the High Council of the Judiciary

Except the President of the Supreme Court, the Vice President of the Supreme Court, the President of the High Court, the President of the Commercial High Court and the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary, Judges and court registrars members of the High Council of the Judiciary shall be elected by their peers from the courts of the same level.

Candidates shall inform the Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary in writing of their intention at least one (1) month before the elections.

Any candidate must have an experience of at least five (5) years in the legal profession. Elections shall be organized by the Executive Secretariat and administered by President of the High Council of the Judiciary.

However, the Minister in charge of education shall organize and conduct the election of members under Article 2, Sub-Paragraph 13° of this Organic Law, upon request by the President of the Supreme Court.

The election of the representative of the Bar Association is organized and administered by the President of the Bar Association upon request by the President of the Supreme Court.

Article 4: Election des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature

A l'exception du Président de la Cour Suprême, du Vice-Président de la Cour Suprême, du Président de la Haute Cour, du Président de la Haute Cour de Commerce et du Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature, les juges et greffiers membres du Conseil Supérieur de la Magistrature sont élus par leurs pairs du même degré de juridiction.

Les intéressés présentent leurs candidatures par écrit au Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature au moins un (1) mois avant les élections.

Tout candidat doit justifier d'une expérience d'au moins cinq (5) ans dans le domaine du droit. Les élections sont préparées par le Secrétariat Exécutif et conduites par le Président du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Toutefois, l'élection des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature cités à l'article 2, point 13° de la présente loi organique est préparée et conduite par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions sur demande du Président de la Cour Suprême.

L'élection du représentant de l'ordre des avocats est préparée et conduite par le Bâtonnier sur demande du Président de la Cour Suprême.

Ingingo ya 5: Umubare wa ngombwa kugira ngo itora ribe

Ku bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza batorwa, amatora aba ari uko hari nibura bitatu bya kane ($\frac{3}{4}$) by'abagize inteko itora. Batorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. Amatora akorwa mu ibanga.

Ingingo ya 6: Manda y'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza batorwa, batorerwa manda y'imyaka ine (4). Ntibashobora gutorwa inshuro zirenze ebyiri (2) zikurikiranye.

Ingingo ya 7: Kureka kuba umwe mu bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Iyo umwe mu bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza ayivuyemo igihe cya manda yatorewe gisigaye kingana nibura n'amezi atandatu (6), hakoreshwa irindi tora mu minsi mirongo itatu (30) ibarwa uherye ku itariki y'iyakirwa ry'ibaruwa ibimenyeshya.

Iryo menyeshya rikorwa n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Uwatorewe uwo mwanya arangiza igihe gisigaye

Article 5: Quorum of the electorate

The quorum for election of the elected members of the High Council of the Judiciary shall be three quarters ($\frac{3}{4}$) of the electorate. The election shall be absolute majority vote of the members present and shall be by secret ballot.

Article 6: Term of office of the members of the High Council of the Judiciary

The term of office of the elected members of the High Council of the Judiciary shall be four (4) years. The elected members shall not hold office for more than two (2) consecutive terms of office.

Article 7: Ceasing to be a member of the High Council of the Judiciary

In case a member of the High Council of the Judiciary ceases to be a member at least six (6) months before the expiry of his/her term of office, new elections shall be held within a period of thirty (30) days from the date of receipt of the letter of notification.

The notification shall be made by the Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary.

The person elected to hold such an office shall

Article 5: Quorum du collège électoral

Pour les membres du Conseil Supérieur de la Magistrature qui sont élus, les élections ne peuvent valablement avoir lieu que si les trois quarts ($\frac{3}{4}$) des membres du collège électoral sont présents. L'élection a lieu à la majorité absolue des membres présents. Le vote a lieu au scrutin secret.

Article 6: Mandat des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature

Les membres élus du Conseil Supérieur de la Magistrature ont un mandat de quatre (4) ans. Ils ne peuvent exercer plus de deux (2) mandats successifs.

Article 7: Perte de la qualité de membre du Conseil Supérieur de la Magistrature

Lorsqu'un des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature cesse d'en faire partie six (6) mois au moins avant l'expiration de son mandat, il est procédé à de nouvelles élections dans un délai de trente (30) jours à compter de la réception de la lettre de notification.

La notification est faite par le Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature.

La personne élue achève le mandat de son

cya manda y'uwo asimbuye.

serve for the remainder of the predecessor's term of office. prédécesseur.

Icyiciro cya 2: Inzego z'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Section 2: Organs of the High Council of the Judiciary

Section 2: Organes du Conseil Supérieur de la Magistrature

Ingingo ya 8: Inzego

Article 8: Organs

Article 8: Organes

Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'inzego zikurikira:

The High Council of the Judiciary consists of the following organs:

Le Conseil Supérieur de la Magistrature comprend les organes ci-après:

1° Inama Rusange;

1° the General Assembly;

1° l'Assemblée Générale;

2° Biro;

2° the Bureau;

2° le Bureau;

3° Komisiyo zihoraho;

3° permanent committees;

3° les commissions permanentes ;

4° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

4° Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary.

4° le Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Ingingo ya 9: Inama Rusange

Article 9: General Assembly

Article 9: Assemblée Générale

Inama Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

The General Assembly shall be the supreme Organ of the High Council of the Judiciary.

L'Assemblée Générale est l'organe suprême du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Inama Rusange igizwe n'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bese.

The General Assembly shall be comprised of all members of the High Council of the Judiciary.

L'Assemblée Générale comprend tous les membres du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Inama Nkuru y'Ubucamanza iterana mu nama rusange.

The High Council of the Judiciary shall meet in a General Assembly.

Le Conseil Supérieur de la Magistrature se réunit en Assemblée Générale.

Ingingo ya 10: Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'itorwa rya Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ari na we uyiyobora, Visi Perezida, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ari nawe mwanditsi wayo.

Mu nama ya mbere ikurikira itora ry'abayigize, Inama Nkuru y'Ubucamanza yitoramo Visi Perezida.

Abakandida kuri uwo mwanya biyandikishiriza muri iyo nama. Batorwa mu ibanga hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abaje muri iyo nama. Iyo ubwo bwiganze burunduye butabonetse, itora risubirwamo ako kanya, bagatorwa hakurikijwe ubwiganze busanzwe bw'amajwi mu bakandida babiri (2) barushije abandi amajwi mu itora ryabanje. Iyo banganyije amajwi, itora risubirwamo. Iyo bongeye kunganya hakoreshwa tombora.

Ingingo ya 11: Komisiyo zihoraho z'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe na Komisiyo eshatu (3) zihoraho zikurikira:

1° Komisiyo ishinze imyitwarire;

Article 10: Bureau of the High Council of the Judiciary and election of the Vice-President of the High Council of the Judiciary

The Bureau of the High Council of the Judiciary shall be comprised of the President of the Supreme Court who serves as its Chairperson, the Vice President and the Executive Secretary who serves as its rapporteur.

At its first meeting following the election of its members, the High Council of the Judiciary shall elect among its members a Vice-President.

Candidates for that post shall register during the above session. Election shall be by secret ballot and by absolute majority vote of the members present. When absolute majority is not attained, voting shall immediately be repeated basing on simple majority from the first two (2) winning candidates of the first round of voting. In case of a tie, the voting shall be repeated. In case of a new tie, the election shall be conducted by drawing lots.

Article 11: Permanent committees of the High Council of the Judiciary

The High Council of the Judiciary shall comprise the following three (3) permanent Committees:

1° the disciplinary committee;

Article 10: Bureau du Conseil Supérieur de la Magistrature et vote du Vice-Président du Conseil Supérieur de la Magistrature

Le Bureau du Conseil Supérieur de la Magistrature est composé du Président de la Cour Suprême qui en est le président, d'un Vice-Président et du Secrétaire Exécutif qui en est le rapporteur.

Lors de la première réunion qui suit l'élection de ses membres, le Conseil Supérieur de la Magistrature élit en son sein un Vice-Président.

Les candidats à ce poste se font inscrire lors de cette séance. Ils sont élus au scrutin secret et à la majorité absolue des membres présents à la séance. A défaut de cette majorité, il est immédiatement procédé à une nouvelle élection et sont élus à la majorité simple parmi les deux (2) premiers candidats ayant obtenu plus de voix au premier tour du scrutin. En cas de parité des voix, le vote est repris. En cas d'une deuxième parité, il est procédé au tirage au sort.

Article 11: Commissions permanentes du Conseil Supérieur de la Magistrature

Le Conseil Supérieur de la Magistrature comprend trois (3) Commissions permanentes suivantes:

1° la Commission de discipline;

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

2° Komisiyo ishinzwe umwuga w'abacamanza n'abanditsi b'inkiko;	2° the Committee responsible for judges and court registrars career;	2° la Commission de la carrière des juges et des greffiers ;
3° Komisiyo ishinzwe imikorere y'Ubucamanza. Buri Komisiyo yitoramo Perezida n'Umwanditsi wayo.	3° the Committee responsible for day-to-day running of the judicial system; Each Committee shall elect among its members a chairperson and a rapporteur.	3° la Commission du fonctionnement du système judiciaire ; Chaque Commission élit en son sein un président et un rapporteur.
Inama Nkuru y'Ubucamanza ishobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe igihe bibaye ngombwa, zigahabwa inshingano zizwi n'igihe zizamara.	The High Council of the Judiciary may establish <i>ad hoc</i> Committees with a specific mission and time limit.	Le Conseil Supérieur de la Magistrature peut créer des Commissions spéciales en cas de besoin et en préciser la mission et la durée.
<u>Ingingo ya 12: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza</u>	<u>Article 12: Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary</u>	<u>Article 12: Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature</u>
Hashyizweho Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.	An Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary headed by the Executive Secretary is hereby established.	Il est créé un Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature dirigé par le Secrétaire Exécutif.
<u>Ingingo ya 13: Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza</u>	<u>Article 13: Recruitment of the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary</u>	<u>Article 13: Recrutement du Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature</u>
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ashwirwaho binyuze mu ipiganwa, akemezwa n'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza.	The Executive Secretary of the High Council of the Judiciary shall be recruited through competition and approved by the General Assembly of the High Council of the Judiciary.	Le Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature est recruté par voie de concours et approuvé par l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature.
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ari ku rwego rwa Perezida w'Urukiko Rwisumbuye kandi agengwa na sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko.	The Executive Secretary of the High Council of the Judiciary is on the rank of the President of the Intermediate Court and shall be subjected to the statutes for judges and other judicial personnel.	Le Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature est au rang du Président du Tribunal de Grande Instance, et est régi par le statut des juges et des agents de l'ordre Judiciaire.

UMUTWE WA III: UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

Icyiciro cya mbere: Inshingano z'inzeho z'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Ingingo ya 14: Inshingano z'Inama Rusange

Inama Rusange ishinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° kwiga no gutanga inama, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ku bibazo byose byerekeye imikorere y'ubutabera;
- 2° gufata ibyemezo ku ishyirwa ku mirimo, izamurwa mu ntera, ivanwa ku mirimo ry'abacamanza, ku migendekere y'umwuga w'abacamanza batari ab'Inkiko za Gisirikare no gufata ibyemezo nk'urwego rushinzwe imyitwarire yabo uretse abashyirwaho n'izindi nzeho;
- 3° gufata ibyemezo ku ishyirwa ku mirimo, izamurwa mu ntera, ivanwa ku mirimo ry'abanditsi b'inkiko;
- 4° gutanga inama buri gihe ku mushinga uwo ari wo wose wo gushyiraho urukiko rushya cyangwa werekeye sitati y'abacamanza n'iy'abakozi b'inkiko ishinzwe;

CHAPTER III: POWERS AND FUNCTIONING OF THE HIGH COUNCIL OF THE JUDICIARY

Section One: Responsibilities of the organs of the High Council of the Judiciary

Article 14: Responsibilities of the General Assembly

Responsibilities of the General Assembly shall include but not limited to:

- 1° examine and, either on its own initiative or upon request, to give advice on matters relating to the functioning of the justice system;
- 2° take decisions relating to the appointment, promotion or removal from office of judges and management of the career in general and discipline of judges with the exception of judges of the military courts and act as a body in charge of their discipline save those appointed by other organs;
- 3° decide on the appointment, promotion and removal from office of court registrars;
- 4° advise on all proposals relating to the establishment of a new court or bill governing the statute of judges and other judicial personnel for whom it is responsible;

CHAPITRE III: COMPETENCE ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL SUPERIEUR DE LA MAGISTRATURE

Section première : Attributions des organes du Conseil Supérieur de la Magistrature

Article 14: Attributions de l'Assemblée Générale

L'Assemblée Générale est principalement chargée de:

- 1° étudier, et de son initiative ou sur demande, donner des avis sur toute question intéressant l'administration de la justice;
- 2° décider de la nomination, de la promotion et de la révocation des juges et en général de la gestion de la carrière des juges des juridictions autres que militaires et statuer en tant qu'organe de discipline à leur égard, sauf en ce qui concerne ceux qui sont nommés par d'autres organes;
- 3° décider de la nomination, de la promotion et de la révocation des greffiers.
- 4° donner des avis sur tout projet ou toute proposition de création d'une nouvelle juridiction ou relatif au statut des juges et du personnel judiciaire relevant de sa compétence;

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

- | | | |
|---|--|---|
| 5° gusuzuma ibijyanye n'imigendekere y'akazi no gutanga inama zatuma ibitagenda neza bikosorwa; | 5° assess conditions in which service is delivered and provide advice as to improving the quality; | 5° examiner la qualité du service presté et en dégager des avis susceptibles d'en améliorer la qualité; |
| 6° kugira inama Perezida wa Repbulika ku ishyirwaho ry'abacamanza bashyirwaho n'Iteka rya Perezida; | 6° advise the President of the Republic on the nomination of judges appointed by a Presidential Order; | 6° donner avis au Président de la République en rapport avec les juges à nommer par arrêté présidentiel ; |
| 7° kwemeza amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza; | 7° approve the internal rules and regulations of the High Council of the Judiciary; | 7° adopter le règlement d'ordre intérieur du Conseil Supérieur de la Magistrature; |
| 8° kwemeza abagize za Komisiyo mu Nama Nkuru y'Ubucamanza. | 8° approve members of the Committees of the High Council of the Judiciary. | 8° approuver les membres des commissions du Conseil Supérieur de la Magistrature. |

Ingingo ya 15: Inshingano za Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Biro ishinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° gutegura inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 2° kwita ku migendekere myiza y'inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 3° kugena abagize Komisiyo z'Inama Nkuru y'Ubucamanza bemezwa n'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 4° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Nkuru

Article 15: Responsibilities of the Bureau of the High Council of the Judiciary

Responsibilities of the Bureau shall include but not limited to:

- 1° preparing meetings of the High Council of the Judiciary;
- 2° vouching for the smooth running of the proceedings of meeting of the High Council of the Judiciary;
- 3° proposing Committee members of the High Council of the Judiciary to be approved by the General Assembly of the High Council of the Judiciary;
- 4° ensuring follow-up over the implementation of decisions of the High

Article 15: Attributions du Bureau du Conseil Supérieur de la Magistrature

Le Bureau est principalement chargé de:

- 1° organiser les réunions du Conseil Supérieur de la Magistrature;
- 2° assurer la bonne marche des réunions du Conseil Supérieur de la Magistrature;
- 3° proposer les membres des Commissions du Conseil Supérieur de la Magistrature à faire approuver par l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature;
- 4° assurer le suivi de la mise en œuvre des décisions prises par le Conseil Supérieur

y'Ubucamanza.

Council of the Judiciary.

de la Magistrature.

Ingingo ya 16: Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 16: Responsibilities of the Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary

Article 16: Attributions du Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature

Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza ni izi zikurikira:

The Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary shall have the following responsibilities:

Les attributions du Secrétariat Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature sont les suivantes:

- 1° gukora imirimo y'ubwanditsi bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 2° gutegura amadosiye azigwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza na za Komisiyo;
- 3° gutegura no kohereza inyandiko zitumira abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 4° gutegura dosiye zivuye mu bugenzuzi bukuru bw'inkiko zigashyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 5° gucunga, kubika no gukurikirana amadosiye y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko;
- 6° kwakira no kwiga inyandiko z'abacamanza n'abanditsi b'inkiko biyamamariza kujya mu Nama Nkuru y'Ubucamanza no gutegura amatora yabo;
- 7° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubucamanza no kubimenyesha

- 1° to ensure the secretariat duties for the High Council of the Judiciary;
- 2° to prepare files for consideration by the High Council of the Judiciary and Committees;
- 3° to prepare and send out invitations to members of the High Council of the Judiciary;
- 4° to prepare files from the General Inspectorate of Courts for submission to the High Council of the Judiciary;
- 5° to manage, classify and track records of judges and court registrars;
- 6° to receive and review candidacies of Judges and court registrars applying for membership of the High Council of the Judiciary and organize their election;
- 7° to implement the decisions of the High Council of the Judiciary and notify the

- 1° assurer le secrétariat du Conseil Supérieur de la Magistrature ;
- 2° apprêter les dossiers devant être examinés par le Conseil Supérieur de la Magistrature ainsi que par les commissions ;
- 3° préparer et lancer les invitations aux membres du Conseil Supérieur de la Magistrature ;
- 4° apprêter les dossiers soumis au Conseil Supérieur de la Magistrature en provenance du Service d'Inspection Générale des Cours et Tribunaux;
- 5° gérer, classer et faire le suivi des dossiers des juges et des greffiers ;
- 6° recevoir et analyser les dossiers des juges et greffiers candidats membres du Conseil Supérieur de la Magistrature et préparer leur élection;
- 7° mettre en exécution les décisions du Conseil Supérieur de la Magistrature et

abo bireba;

8° gutegura amategeko ngengamikorere y’Inama Nkuru y’Ubucamanza;

9° gukora indi mirimo bwahabwa n’Inama Nkuru y’Ubucamanza.

concerned parties;

8° to draft the internal rules and regulations of the High Council of the Judiciary;

9° to perform any other task which may be assigned to by the High Council of the Judiciary.

les notifier à qui de droit ;

8° rédiger le projet de règlement d’ordre intérieur du Conseil Supérieur de la Magistrature ;

9° exécuter toute autre tâche qui pourrait lui être assignée par le Conseil Supérieur de la Magistrature.

Ingingo ya 17: Inshingano za Komisiyo

Inshingano n’imikorere bya Komisiyo zigize Inama Nkuru y’Ubucamanza bigenwa n’amategeko ngengamikorere yayo.

Article 17: Responsibilities of the Committees

The responsibilities and the functioning of the Committees of the High Council of the Judiciary shall be determined by the internal rules and regulations of the High Council of the Judiciary.

Article 17: Attributions des Commissions

Les attributions et le fonctionnement des commissions du Conseil Supérieur de la Magistrature sont déterminés par le Règlement d’Ordre Intérieur du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Icyiciro cya 2: Inama Rusange y’Inama Nkuru y’Ubucamanza

Ingingo ya 18: Inama Rusange y’Inama Nkuru y’Ubucamanza

Inama Rusange y’Inama Nkuru y’Ubucamanza iterana mu nama isanzwe rimwe (1) mu gihembwe.

Ishobora kwitabirwa n’abandi bayitumiwemo ku mpamvu zizwi, ariko ntibemerewe gufata ibyemezo.

Ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe, igihe cyose bibaye ngombwa, biturutse kuri Perezida wayo cyangwa se bisabwe nibura na barindwi (7) mu bayigize. Icyo gihe isuzuma gusa ibiteganyijwe

Section 2: General Assembly of the High Council of the Judiciary

Article 18: General Assembly of the High Council of the Judiciary

The General Assembly of the High Council of the Judiciary shall have its ordinary meeting once every three (3) months.

For clearly defined reasons, it may invite other persons to attend its meetings without taking part to the process of decision making.

An extraordinary session may be convened either upon the initiative of its President or upon the request by at least seven (7) members. During an extraordinary session, only matters provided on

Section 2: Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature

Article 18: Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature

L’Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature se réunit en session ordinaire une fois par trimestre.

Elle peut, pour des raisons précises, inviter à ses réunions d’autres personnes sans qu’il leur soit permis toutefois de prendre part à la prise de décisions.

Elle peut également se réunir en session extraordinaire autant de fois que de besoin, soit à l’initiative du Président, soit à la demande d’au moins sept (7) membres. L’Assemblée Générale

ku murongo w'ibyigwa.

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo, yaba adahari agasimburwa na Visi-Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Inyandiko itumira abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza, igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, isaha y'inama n'aho izabera, kandi yoherezwa abagize iyo nama iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko iterana. Iyo byihutirwa icyo gihe gishobora kugabanywa. Abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza ntibemerewe guhagararirwa mu nama rusange zayo.

Ingingo ya 19: Inama Rusange ikurikira itora ry'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Rusange ikurikira itorwa ry'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza iterana mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe itora ryabereye.

Ingingo ya 20: Ifatwa ry'ibyemezo by'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

the agenda shall be considered.

The General Assembly of the High Council of the Judiciary shall be convened and presided over by its President and in his/her absence, by the Vice-President of the High Council of the Judiciary.

An invitation letter to the members of the High Council of the Judiciary shall specify matters on the agenda, time and venue of the meeting and shall be sent to every member fifteen (15) days before the meeting. In case of urgency, that period may be reduced. Members of the High Council of the Judiciary are not allowed to be represented in the meetings of the General Assembly.

Article 19: Subsequent General Assembly to election of the members of the High Council of the Judiciary

A subsequent General Assembly to the election of the members of the High Council of the Judiciary shall be convened in not more than thirty (30) days from the date the election was conducted.

Article 20: Decisions of the General Assembly of the High Council of the Judiciary

Quorum for the General Assembly of the High

extraordinaire n'examine que les seuls points inscrits à l'ordre du jour.

L'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature est convoquée et présidée par son Président et en cas d'absence, par le Vice-Président du Conseil Supérieur de la Magistrature.

La convocation indiquant l'ordre du jour, l'heure et le lieu de la réunion est adressée à chaque membre du Conseil Supérieur de la Magistrature, quinze (15) jours avant sa tenue. En cas d'urgence, ce délai peut être réduit.

Les membres du Conseil Supérieur de la Magistrature ne sont pas autorisés à se faire représenter dans les réunions de l'Assemblée Générale.

Article 19: Assemblée Générale faisant suite à l'élection des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature

L'Assemblée Générale faisant suite à l'élection des membres du Conseil Supérieur de la Magistrature se tient endéans trente (30) jours après élection.

Article 20: Prise de décisions de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature

L'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de

iterana hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari.

Icyakora, icyemezo cyo gukura ku murimo umucamanza gifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abahari hakoreshejwe itora. Itora riba mu ibanga.

Ibyemezo by'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza bishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo, bigahita bishyirwa mu bikorwa uretse ibigomba kubanza kumenyeshwa abo byafatiwe.

Ingingo ya 21: Inyandikomvugo z'Inama Rusange z'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Rusange z'Inama Nkuru y'Ubucamanza zikorera inyandikomvugo zigashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo. Izo nyandikomvugo zoherezwa abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bese mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe inama ibereye.

Ingingo ya 22: Kugira ibanga

Abagize Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'abandi bantu batumiwe kimwe

Council of the Judiciary shall be at least two thirds (2/3) of its members.

The General Assembly of the High Council of the Judiciary shall make decisions by consensus. If not, decisions may be taken by absolute majority votes of members present.

However, a decision to remove a judge from office shall be taken on the majority votes of two thirds (2/3) of the members present. Voting shall be by secret ballot.

Decisions of the General Assembly of the High Council of the Judiciary shall be signed by the President and the Rapporteur with immediate effect, except those that require prior notification to the concerned parties.

Article 21: Minutes of the General Assembly of the High Council of the Judiciary

Meetings of the General Assembly of the High Council of the Judiciary shall be recorded and their minutes shall be signed by the President and the Rapporteur. Such minutes shall be transmitted to all members within thirty (30) days from the date the meeting was held.

Article 22: Confidentiality

Members of the General Assembly of the High Council of the Judiciary and other invited

la Magistrature ne se réunit valablement que si les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

L'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature prend ses décisions par consensus. A défaut, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents.

Toutefois, la révocation d'un juge est décidée à la majorité des deux tiers (2/3) de voix des membres présents. Le vote est secret.

Les décisions de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature sont signées par le Président du Conseil Supérieur de la Magistrature et par le Rapporteur et sont immédiatement exécutoires, sauf celles devant préalablement être notifiées aux concernés.

Article 21: Procès-verbaux de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature

Les séances de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature font objet de procès-verbaux signés par le Président et le Rapporteur. Ces procès-verbaux sont transmis à tous les membres du Conseil Supérieur de la Magistrature dans les trente (30) jours de la tenue de réunion.

Article 22: Devoir de confidentialité

Les membres de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature ainsi que

n'ababunganira bagomba kubika ibanga ry'ibyavugiwe mu nama.

persons as well as their counsel shall be bound by confidentiality.

d'autres personnes invitées à ses réunions et leurs conseils sont tenus au secret des délibérations.

Ingingo ya 23: Ingingo y'imari y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 23: Budget of the High Council of the Judiciary

Article 23: Budget du Conseil Supérieur de la Magistrature

Ingingo y'imari igenewe imirimo y'Inama Nkuru y'Ubucamanza iteganywa mu ngengo y'imari y'Urukiko rw'Ikirenga.

The budget allocated to the functioning of the High Council of the Judiciary shall be provided in the Supreme Court budget.

Le budget alloué au fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature est prévu au budget de la Cour Suprême.

Ingingo ya 24: Ibigenerwa abitabiriye inama

Article 24: Sitting allowances

Article 24: Jetons de présence

Amafaranga ahabwa abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bitabiriye inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'iza Komisiyo z'Inama Nkuru y'Ubucamanza agenwa n'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Sitting allowances for members of the High Council of the Judiciary and members of the Committees of the High Council of the Judiciary participating in its meetings shall be determined by an Order of the President of the Supreme Court.

Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil Supérieur de la Magistrature qui participent aux réunions du Conseil Supérieur de la Magistrature et à celles de ses commissions sont déterminés par Ordonnance du Président de la Cour Suprême.

Ingingo ya 25: Amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 25: Internal rules and regulations of the High Council of the Judiciary

Article 25: Règlement d'ordre intérieur du Conseil Supérieur de la Magistrature

Inama Nkuru y'Ubucamanza ishyiraho amategeko ngengamikorere yayo.

The High Council of the Judiciary shall establish its internal rules and regulations.

Le Conseil Supérieur de la Magistrature adopte son règlement d'ordre intérieur.

Mu byo ayo Mategeko ngengamikorere ateganya harimo inshingano n'imikorere by'inzego z'Inama Nkuru y'Ubucamanza bitavuzwe muri iri tegeko ngenga.

The internal rules and regulations shall provide, inter alia, responsibilities and functioning of the organs of the High Council of the Judiciary which are not provided for by this Organic Law.

Le règlement d'ordre intérieur détermine notamment les attributions et le fonctionnement des organes du Conseil Supérieur de la Magistrature qui ne sont pas précisées dans la présente loi organique.

**UMUTWE WA IV: IMIHANGO IJYANYE
N'IFATWA RY'IBIHANO BYO MU RWEGO
RW'AKAZI**

Ingingo ya 26: Ibirego byo mu rwego rw'akazi

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza ni yo isuzuma ibirego byo mu rwego rw'akazi biregwa Abacamanza n'abanditsi b'Inkiko. Inasuzuma kandi ubujurire bwabo ku bihano baba bafatiwe n'Abaperezida b'Inkiko.

Ku byerekeye imyitwarire y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko, Perezida wa Komisiyo ishinzwe imyitwarire ageza ku bagize Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza impamvu zituma umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko agomba gukurikiranwa kugira ngo bazisuzume.

Ingingo ya 27: Ihamagarwa ry'umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko

Inama Nkuru y'Ubucamanza ntishobora gufatira umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko igihano mu gihe cyose atahamagawe kugira ngo yiregure.

Ibyerekeye ihamagarwa ry'umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko biteganyijwe mu Itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko.

**CHAPTER IV: DISCIPLINARY
PROCEDURE**

Article 26: Administrative complaints

The High Council of the Judiciary shall be responsible for considering administrative complaints against judges and court registrars. It shall also consider appeals made by judges and registrars against disciplinary measures taken against them by their respective Presidents of the courts.

Concerning the conduct of judges and registrars, the President of the Disciplinary Committees shall present to the General Assembly of the High Council of the Judiciary facts stating grounds on which disciplinary proceedings should be taken against a judge or a court registrar, for subsequent consideration.

Article 27: Summoning of a judge or a court registrar

The High Council of the Judiciary shall not take any disciplinary action against a judge or a court registrar unless he/she was duly summoned to defend himself/herself.

Matters related to the summoning of a judge or a court registrar shall be provided in the Law on statutes for judges and other judicial personnel.

**CHAPITRE IV: PROCEDURE
DISCIPLINAIRE**

Article 26: Recours administratifs

Le Conseil Supérieur de la Magistrature connaît des recours administratifs formés contre les juges et greffiers. Il connaît également des recours formés par des juges et des greffiers contre les sanctions disciplinaires prises par les Présidents des juridictions à leur égard.

Concernant la conduite des juges et des greffiers, le Président de la Commission de discipline soumet, pour examen, à l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature les faits motivant la poursuite d'un juge ou d'un greffier.

Article 27: Convocation d'un juge ou d'un greffier

Le Conseil Supérieur de la Magistrature ne peut prendre une sanction disciplinaire contre un juge ou un greffier s'il n'a pas été dûment invité à comparaître pour présenter ses moyens de défense.

Les matières relatives à la convocation d'un juge ou d'un greffier sont prévues dans la loi portant statut des juges et des agents de l'ordre judiciaire.

Ingingo ya 28: Kwitaba k'umucamanza cyangwa k'umwanditsi w'urukiko

Umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko wahamagajwe agomba kwitaba ubwe. Ashobora kwiyambaza umwunganira kandi igihe hari impamvu yumvikana akaba yashaka umuhagararira. Afite, kimwe n'umuhagarariye, uburenganzira bwo kumenya ibikubiye muri dosiye ye byose, mbere y'uko aburana.

Ingingo ya 29: Gusoma raporo ku idosiye no kumva abatangabuhamya

Ku munsu wagenwe mu ihamagara, hamaze gusomwa raporo ku idosiye no kumva abatangabuhamya iyo bahari, umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko, umuhagarariye cyangwa umwunganirye, asabwa kwisobanura no kwiregura ku byo aregwa.

Ingingo ya 30: Ifatwa ry'ibyemezo mu muhezo

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Umucamanza ifatira ibyemezo mu muhezo kandi igasobanura impamvu n'ishingiro ryabyo. Ibyo byemezo bifatwa hakurikijwe ibivugwa mu ingingo ya 20 y'iri tegeko ngenza.

Iyo habaye kunganya amajwi, itora risubirwamo. Iyo ku nshuro ya kabiri impaka zidakemutse, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura impaka.

Icyemezo cy'Inama Rusange y'Inama Nkuru

Article 28: Appearance of a judge or a court registrar

A respondent judge or court registrar shall appear in person. He/she may seek legal counsel and, based on reasonable grounds, to be represented. A respondent judge or a court registrar as well as his/her representative shall have the right of access to the whole file prior to the hearing.

Article 29: Reading of charges and hearing of witnesses

At the hearing, after reading the charge and hearing from witnesses if any, the respondent judge or court registrar, his/her advocate or representative shall be requested to give his/her defense.

Article 30: Decisions taken in camera

The General Assembly of the High Council of the Judiciary shall take decisions in camera and give reasons for their basis. Such decisions shall be taken in accordance with the provisions of Article 20 of this Organic Law.

In the event of a voting tie, the voting shall be repeated. If no decision is reached during the second voting, the President shall have a casting vote.

The decision of the General Assembly of the

Article 28: Comparution du juge ou du greffier

Le juge ou le greffier cité est tenu de comparaître en personne. Il peut se faire assister et, en cas d'empêchement justifié, se faire représenter. Le juge ou le greffier cité ainsi que son représentant ont droit à la communication de tout le dossier avant l'audience.

Article 29: Lecture du rapport du dossier et audition des témoins

Au jour de la comparution, après lecture du rapport et l'audition des témoins, s'il y en a, le juge ou le greffier, son mandataire ou représentant est invité à fournir ses explications et moyens de défense sur les faits qui lui sont reprochés.

Article 30: Prise de décisions à huis clos

L'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature statue à huis clos et ses avis sont motivés. De telles décisions sont prises conformément aux dispositions de l'article 20 de la présente loi organique.

En cas d'égalité des voix, il est procédé à un nouveau vote. Si aucune majorité ne se dégage au second tour, la voix du Président est prépondérante.

La décision de l'Assemblée Générale du Conseil

y'Ubucamanza ntigishobora kujuririrwa cyangwa gusubirwamo kabone n'imbere y'inkiko ziburanisha imanza z'ubutegetsi.

Ingingo ya 31: Isubirishwamo ry'icyemezo cyafashwe uregwa adahari

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 30 y'iri tegeko ngenga, umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko utarabashije kwitaba ashobora gusaba ko icyemezo cyamufatiwe adahari gisubirwamo mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yakimenyesherejwe.

Ingingo ya 32: Kumenyeshya icyemezo cyafashwe

Icyemezo cy'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza cyafatiwe umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko akimenyeshwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'iyi Nama mu buryo buhuje n'ubuteganywa mu kumenyeshya ababuranyi ibyemezo by'inkiko byabafatiwe badahari.

Ibyemezo by'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza bitangira kubahirizwa ku muni ukurikira uwo uwabifatiwe yabimenyesherejweho. Icyemezo cyafatiwe umucamanza cyangwa umwanditsi w'inkiko utaritabye ngo yiregure gitangira kubahirizwa guhera ku muni ukurikira igihe cyo kugisubirishamo kirangiriye.

High Council of the Judiciary shall not be subjected to appeal or review even before administrative courts.

Article 31: Opposition to a decision taken in absentia

Without prejudice to the provisions of Article 30 of this Organic Law, a judge or court registrar shall have the right to apply for opposition against the decision taken in his/her absentia within a period of fifteen (15) days from the date he/she has been notified with the decision.

Article 32: Notification of the decision

The decision of the General Assembly of the High Council of the Judiciary taken against a judge or a court registrar shall be notified to the concerned party by the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary. The notification shall follow the same procedure as the one provided for in the notification of judgments delivered in absentia.

The decisions of the General Assembly of the High Council of the Judiciary shall take effect on the day following the notification to the concerned party. A decision taken in absentia shall take effect on the day following the expiry of the opposition period.

Supérieur de la Magistrature n'est susceptible d'aucun recours, même devant les juridictions de l'ordre administratives.

Article 31: Opposition à la décision prise par défaut

Sans préjudice des dispositions de l'article 30 de la présente loi organique, le juge ou le greffier cité qui n'a pas pu comparaître peut former opposition dans les quinze (15) jours de la signification de la décision.

Article 32: Signification de la décision

La décision de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature prise contre un juge ou un greffier est communiquée au concerné à la diligence du Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature suivant la même procédure que celle prévue pour la signification des jugements rendus par défaut.

Les décisions de l'Assemblée Générale du Conseil Supérieur de la Magistrature prennent effet le lendemain du jour de la signification à l'agent concerné. Une décision prise par défaut contre un juge ou un greffier prend effet le lendemain de l'expiration du délai d'opposition.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko ngenga

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 34: Ivanwaho ry’Itegeko Ngenga n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko ngenga

Itegeko Ngenga n° 02/2004 ryo kuwa 20/03/2004 rigena imiterere, ububasha n’imikorere by’Inama Nkuru y’Ubucamanza nk’uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu n’ingingo zose z’amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, kuwa 19/09/2012

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 33: Drafting, consideration and adoption of this organic law

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 34: Repealing provision

The Organic Law n° 02/2004 of 20/03/2004 determining the organization, powers and functioning of the Superior Council of Judiciary as amended and complemented to date and all prior legal provisions contrary to this Organic Law are hereby repealed.

Article 35: Commencement

This Organic Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 19/09/2012

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 34: Disposition abrogatoire

La Loi Organique n° 02/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Conseil Supérieur de la Magistrature telle que modifiée et complétée à ce jour et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.

Article 35: Entrée en vigueur

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 19/09/2012

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°31/2012 RYO KUWA 30/08/2012
RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU
AMASEZERANO YEREKEYE
KUBUNGABUNGA INYONI ZO MU MAZI
ZO MU KARERE KA AFURIKA, UBURAYI
NA AZIYA ZIHORA ZIMUKA**

**LAW N°31/2012 OF 30/08/2012
AUTHORISING THE RATIFICATION TO
THE AGREEMENT ON THE
CONSERVATION OF AFRICAN-EURASIAN
MIGRATORY
WATERBIRDS**

**LOI N° 31/2012 DU 30/08/2012 AUTORISANT
LA RATIFICATION DE L'ACCORD SUR LA
CONSERVATION DES OISEAUX D'EAU
MIGRATEURS D'AFRIQUE-EURASIE**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo kwemeza burundu

Article One: Authorization for ratification

Article premier: Autorisation de la ratification

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 3: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 31/2012 RYO KUWA 30/08/2012 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU AMASEZERANO YEREKEYE KUBUNGABUNGA INYONI ZO MU MAZI ZO MU KARERE KA AFURIKA, UBURAYI NA AZIYA ZIHORA ZIMUKA

LAW N°31/2012 OF 30/08/2012 AUTHORISING THE RATIFICATION TO THE AGREEMENT ON THE CONSERVATION OF AFRICAN-EURASIAN MIGRATORY WATERBIRDS

LOI N°31/2012 DU 30/08/2012 AUTORISANT LA RATIFICATION DE L'ACCORD SUR LA CONSERVATION DES OISEAUX D'EAU MIGRATEURS D'AFRIQUE-EURASIE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 06 Nyakanga 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 06 July 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 06 juillet 2012;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 16 Gicurasi 2012;

The Senate, in its session of 16 May 2012;

Le Sénat, en sa séance du 16 mai 2012 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 189, iya 190 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 189, 190 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 189, 190 et 201;

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i RAMSAR yo kuwa 02 Gashyantare 1971, yerekeye kubungabunga ahantu hahehereye hafite akamaro ku Rwego Mpuzamahanga by'umwihariko Indiri y'Inyoni zo mu mazi nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 53/01 ryo ku wa 31/12/2007;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'i BONN yo kuwa 23 Kamena 1979 Agamije Kubungabunga Inyamaswa z'Agasozi Zihora Zimuka nk'uko yemerewe kwemezwa burundu n'Itegeko n° 35/2003 ryo kuwa 29/12/2003;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yo gufata neza urusobe rw'Ibinyabuzima n'aho biba yashyiriweho umukono i RIO DE JANEIRO muri BRESIL, kuwa 05 Kamena 1992 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 017/01 ryo kuwa 18 Werurwe 1995;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08 Mata 2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

Imaze gusuzuma Amasezerano yerekeye kubungabunga inyoni zo mu mazi zo mu karere ka Afurika, Uburayi na Aziya zihora zimuka;

Pursuant to the RAMSAR International Convention of February 2, 1971 on Wetlands of International importance, especially as waterfowl habitats as ratified by the Presidential Order n° 53/01 of 31/12/2007;

Pursuant to the BONN Convention of 23 June 1979 on the Conservation of Migratory Species of Wild Animals authorized to be ratified by Law n° 35/2003 of 29/12/2003;

Pursuant to the International Convention on Biological Diversity and its Habitat signed in RIO DE JANEIRO in BRAZIL on 5 June 1992, as ratified by Presidential Order n° 017/01 of 18 March 1995;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

After consideration of the Agreement on the conservation of African-Eurasian migratory waterbirds ;

Vu la Convention de RAMSAR du 2 février 1971 relative aux Zones Humides d'Importance Internationale particulièrement comme Habitats des Oiseaux d'Eau, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 53/01 du 31/12/ 2007;

Vu la Convention de BONN du 23 juin 1979 sur la conservation des espèces migratrices appartenant à la faune sauvage autorisée à être ratifiée par la Loi n° 35/2003 du 29/12/2003;

Vu la Convention sur la Diversité Biologique et son habitat signée à RIO DE JANEIRO au BRESIL le 5 juin 1992 telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 017/01 du 18 mars 1995;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Après examen de l'Accord sur la conservation des oiseaux d'eau migrants d'Afrique-Eurasie ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo kwemeza burundu

Amasezerano yerekeye kubungabunga inyoni zo mu mazi zo mu karere ka Afurika, Uburayi na Aziya zihora zimuka, yemerewe kwemezwa burundu.

Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 3: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 30/08/2012

Article One: Authorisation for ratification

The Agreement on the conservation of African-Eurasian migratory waterbirds is hereby authorized for ratification.

Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 3: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 30/08/2012

Article premier: Autorisation de la ratification

L'Accord sur la conservation des oiseaux d'eau migrants d'Afrique-Eurasie est autorisé à être ratifié.

Article 2: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, elle a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 3: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 30/08/2012

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°33/2012 RYO KUWA 30/08/2012 RIHINDURA KANDI RYUZUZA
ITEGEKO N° 11/2009 RYO KUWA 14/05/2009 RYEREKEYE UBUGWATE KU MUTUNGO WIMUKANWA
LAW N° 33/2012 OF 30/08/2012 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 11/2009 OF 14/05/2009 ON SECURITY INTERESTS IN MOVABLE PROPERTY
LOI N° 33/2012 DU 30/08/2012 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 11/2009 DU 14/05/2009 RELATIVE AUX SURETES MOBILIERES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Igurisha ry'ingwate

Article One: Sale of collateral

Article premier: Mise en vente du bien grevé de sûreté

Ingingo ya 2: Abashinzwe kugena agaciro k'ingwate

Article 2: Collateral valuers

Article 2: Evaluateurs du bien grevé de sûreté

Ingingo ya 3: Kwandikisha ubugwate

Article 3: Registration of the Collateral

Article 3: Enregistrement de la sûreté

Ingingo ya 4: Ingingo y'inzibacyuho

Article 4: Transitional provision

Article 4: Disposition transitoire

Ingingo ya 5: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 5: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 5: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 6: Repealing provision

Article 6: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 7: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Article 7: Commencement

Article 7: Entrée en vigueur

ITEGEKO N°33/2012 RYO KUWA 30/08/2012 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°11/2009 RYO KUWA 14/05/2009 RYEREKEYE UBUGWATE KU MUTUNGO WIMUKANWA

LAW N°33/2012 OF 30/08/2012 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 11/2009 OF 14/05/2009 ON SECURITY INTERESTS IN MOVABLE PROPERTY

LOI N°33/2012 DU 30/08/2012 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 11/2009 DU 14/05/2009 RELATIVE AUX SURETES MOBILIERES

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 03 Nyakanga 2012;

The Chamber of Deputies, in its session of 03 July 2012;

La Chambre des Députés, en sa séance du 03 juillet 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 30, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n’iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 29, 30, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94,108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 29, 30, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94,108 et 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 53/2008 ryo kuwa 02/09/2008 rishyiraho Urwego rushinzwe iterambere mu Rwanda (RDB) rikanagena inshingano, imiterere n’imikorere byarwo nk’uko

Pursuant to Organic Law n° 53/2008 of 02/09/2008 establishing Rwanda Development Board (RDB) and determining its responsibilities, organization and functioning as modified and

Vu la Loi Organique n° 53/2008 du 02/09/2008 portant création de l’Office pour la Promotion du Développement au Rwanda (RDB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement,

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

ryahinduwe kandi ryujjwe kugeza ubu;	complemented to date;	telle que modifiée et complétée à ce jour;
Isubiye ku Itegeko n°11/2009 ryo kuwa 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo wimukanwa, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 17, iya 24 n'ya 33;	Having reviewed Law n° 11/2009 of 14/05/2009 on security interests in movable property, especially in Articles 17, 24 and 33;	Revu la Loi n° 11/2009 du 14/05/2009 relative aux sûretés mobilières, spécialement en ses articles 17, 24 et 33;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

Ingingo ya mbere: Igurisha ry'ingwate

Article One: Sale of collateral

Article premier: Mise en vente du bien grevé de sûreté

Ingingo ya 17 y'Itegeko n° 11/2009 ryo kuwa 14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo wimukanwa ihinduwe kandi yujjwe ku buryo bukurikira:	Article 17 of Law n° 11/2009 of 14/05/2009 on security interests in movable property is modified and complemented as follows:	L'article 17 de la Loi n° 11/2009 du 14/05/2009 relative aux sûretés mobilières est modifié et complété comme suit:
---	---	---

“Amasezerano y'ubugwate agomba guteganya ingingo iha uberewemo umwenda uburenganzira bwo kwiyishyura ku ngwate mu buryo bunyuze impande zombi kandi hakurikijwe ubwoko bw'umutungo watanzweho ingwate.	“The collateral agreement shall contain a clause authorizing the creditor to seek repayment from collateral upon terms and conditions satisfactory to both parties and taking into consideration the nature of the collateral.	«L'accord de sûreté doit contenir une clause autorisant le créancier à se faire rembourser sur le bien grevé de sûreté dans les conditions qui conviennent aux deux parties et en tenant compte de la nature du bien grevé de sûreté.
--	--	---

Uberewemo umwenda ufite uburenganzira bwo kwishyurwa mbere y'abandi ashobora gufata ya ngwate akayigurisha iyo urimo umwenda atubahirije amasezerano y'ubugwate.	A secured creditor with priority over other secured creditors may take possession of and sell collateral when the debtor is in default under the security interest agreement.	Le créancier garanti qui a un droit de préférence sur tous les autres créanciers peut prendre possession du bien grevé de sûreté et le vendre si le débiteur ne s'exécute pas selon l'accord de sûreté.
--	---	---

Muri icyo gihe Umwanditsi Mukuru aha uberewemo umwenda icyemezo cyo gufatira ingwate.	In such a case, the Registrar General shall issue the creditor with a certificate authorizing possession of collateral.	Dans ce cas, le Registraire Général délivre au créancier un certificat autorisant la prise de possession du bien grevé de sûreté.
---	---	---

Nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) uberewemo umwenda ahawe icyemezo cyo gufatira ingwate,	After fifteen (15) days of being issued with the certificate authorizing possession of collateral, the	Après quinze (15) jours de l'obtention du certificat autorisant la prise de possession, le créancier garanti
---	--	--

Official Gazette n°45 of 05/11/2012

asaba Umwanditsi Mukuru uburenganzira bwo kuyigurisha. Ubwo busabe buherekezwa n'inyandiko igena agaciro k'ingwate ku isoko.	secured creditor shall submit to the Registrar General a request for sale. The request shall be accompanied by a valuation report of the collateral determining its market price.	soumet au Registraire Général une demande d'autorisation de vendre. La demande est accompagnée d'un rapport d'évaluation du bien grevé de sûreté qui détermine son prix du marché.
Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo cyo kugurisha akimara gushyikirizwa inyandiko isaba kugurisha.	Upon receipt of the request for sale, the Registrar General shall issue a notice of sale.	A la réception de la demande d'autorisation de vendre, le Registraire Général émet un avis de vente.
Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ingwate imaze kugurishwa, uberewemo umwenda ashyikiriza Umwanditsi Mukuru raporo y'igurisha kandi akamusaba gusiba ingwate mu gitabo cy'ingwate.	Within seven (7) days after the sale of the collateral, the creditor shall submit a report of sale to the Registrar General and make a request to remove the collateral from the register of collateral.	Endéans sept (7) jours de la vente du bien grevé de sûreté, le créancier garanti soumet au Registraire Général un rapport de vente et demande la radiation du bien grevé de sûreté dans le registre des sûretés.
Umwanditsi Mukuru ategura amabwiriza rusange agenga ikodesha, ifatira n'igurisha ry'ingwate mu cyamunara”.	The Registrar General shall prepare general instructions governing the lease, possession and auction of the collateral.”	Le Registraire Général prépare les instructions générales régissant le bail, la prise de possession et la vente aux enchères du bien grevé de sûreté.»
<u>Ingingo ya 2: Abashinzwe kugena agaciro k'ingwate</u>	<u>Article 2: Collateral valuers</u>	<u>Article 2: Evalueurs du bien grevé de sûreté</u>
